# 202: Tur’ abasirikare ba Kristo Yesu

1.

Tur’ abasirikare ba Kristo Yesu; Ni W ukiz’ abamwiringira. Kandi twasezeranye kurwana cyane Na Satani n'isi n'umubiri.

2.

Turi bene Data umwe, bagenzi banjye, Kandi dusangiye kwizera; Iyo badututse, baduhora Yesu, Twibuke yuko yadupfiriye.

3.

Mwibatizwa twashyizwehwikimenyetso Cy'umusaraba yabambweho, tujye turwana munsi y'iyo bendera, Twambay' intwaro duhabwa na We.

4.

Tube maso, twirinde, nta wakwikiza; twizigir'izo ntwaro nziza Satani n'ashimagiza, ye kutwoshya; twe kumutinya n’ az’ arakaye.

5.

Twih’ Umwuka Wera, kugira ngo yime Mu mitima yac' adutware; Nukw azatubatur' ububata bubi Bwo kwifuza kose k'umubiri.

6.

Bene Data, duhumurizanye, kuko tur’ ingabo z'Uwanesheje twe gutiny’ ababisha, twe gucogora. tube maso, dusenge, turwane.

7.

Nubw’ intambar' idasiba, twagabiwe Intwaro zitunesherereza, Mw’ ijuru tuzaruhukan’ ibyishimo, twambay’ ikamba ritangirika.

Visit us at indirimbo.com